**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**
**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE**

B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No.5, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI IGICE CYA GATATU UGUSHYINGO (1-10) 2019

**Cyasohotse ku itariki ya 12 Ugushyingo, 2019**

## Iriburiro

Mu minsi icumi ya mbere y'Ugushyingo kuva tariki ya mbere kugeza tariki ya cumi, ibice bimwe na bimwe by'intara y'Amajyaruguru n'umujyi wa Kigali byabonye imvura nyinshi kurusha ahandi mu gihugu, aho ku bupimiro bwa Busogo bapimye imvura ingana na milimetero 68.5 (mm) naho ku bupimiro bwa Gitega mu mujyi wa Kigali bagapima ingana na 47.7 mm. Mu majyaruguru y'intara y'Iburasirazuba ndetse no mubice bimwe by'intara y'Iburengerazuba babonye imvura yari nke ugereranyije n'ahandi mu gihugu naho ahasigaye bapima imvura iringaniye; ku bupimiro bwa Rubengera bapimye 4.0mm, Nyagatare 9.5, Kawangire 9.7mm.

Ibipimo by'ubushyuhe byiyongereyeho kuko igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 32.0 (°C ) mu Bugarama na 21.4 °C i Gicumbi; mu gihe igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi 9.8(°C ) ku bupimiro bwa Ruhengeri (Musanze ) na 18.3°C ku bupimiro bwa Bugarama.


## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo 2019.

## 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ishusho ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya mbere cy'Ugushyingo 2019. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi igice cya mbere cyari hagati ya milimetero 4.0 (mm) na milimetero 68.5 (mm), Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Busogo yari 68.5mm ikurikiwe n'ubupimiro bwa Gitega mu mujyi wa Kigali bwapimye imvura ingana na 47.7mm naho ubupimiro bwa Rubengera bwapimye imvura nke ingana na milimetero 4.0 (mm), ubwa Nyagatare bupima 9.5mm, Kawangire 9.7mm; ahandi hasigaye bagwishije imvura yari mu rugero.


Mu ntara y'Amajyaruguru, Umujyi wa Kigali n'intara y' Amajyepfo niho haguye imvura nyinshi kurusha ahandi.




**Ishusho1: Ingano y'Imvura muri mm**

## 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ishusho ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo. Ubusanzwe igice cya mbere cy'Ugushyingo kigwisha imvura iri ku kigero kiri hagati ya milimetero 33.6 (mm) na 65.6mm; bivuze ko imvura yabaye nke muri iki gice cya mbere mu Gushyingo 2019 ahenshi mu gihugu uretse ku bupimiro bwa Busogo n'ubwa Gitega babonye nyinshi.





**Ishusho 2: Imvura mu gice cya mbere ukwezi Ugushyingo mu myaka myinshi**

## 1.3. Iminsi imvura yaguyemo


Ishusho ya 3 iragaragaza iminsi imvura yaguyemo mu minsi icumi y'igice cya mbere mu kwezi kw'Ugushyingo 2019. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'umunsi umwe n'irindwi (iminsi 1-7) ureste mu Majyepfo y'Uburengerazuba (Bugaramana na Rubengera) ndetse no mu majyaruguru y'Uburasirazuba (Nyagatare) habonetse imvura hagati y'umunsi umwe n' ibiri (iminsi 1-2).

Gicumbi honyine niho imvura yabonetse mu minsi irindwi 9 (iminsi 7 ).




**Ishusho 3: Iminsiy'imvura yaguyemo**

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




**Ishusho 4: Ubuhehere bw'ubutaka**


Muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka bwari bwagabanutseho muri iyi minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo 2019 bitewe n'ibihe by'imicyo byagiye bigaragaramo. Ariko nanone turateganya ko bwongera kwiyongera mu gice cya kabiri hagati ya tariki 11 na 20 Ugushyingo bitewe n'uko hateganyijwe ukwiyongera kw'imvura muri iki gice cy'ukwezi.

## 2.0. Uko igipimo cy'ubushyuhe bwapimwe

Aha turareba muri rusanga igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ishusho ya 5: ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwariyongereye cyane cyane mu majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu majyepfo yaho. Mu majyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyus 26.8 ($^{0}C$) na $21.4^{0}C$ ahenshi; Bugarama ikaba yarashyushye cyane kuko yapimye $32.0^{0}C$.




**Ishusho ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru**

### 2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ishusho ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 9.8 (Ruhengeri) na Dogere Selisiyusi 18.3 (Bugarama). Amajyaruguru y'igihugu niyo yakonje cyane akurikirwa n'Amajyepfo.




**Ishusho ya 6: Ubushyuhe bwo hasi**

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi ikurikiye (tariki 1-10 Ugushyingo 2019)

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Bitewe n'umwuka ushyushye uturuka mu majyaruguru ya Afurika uhura n'umwuka ukonje uturuka mu majyepfo ya Afurika; iri huriro rikaba riherereye mu Karere u Rwanda ruherereyemo hateganyijwe imvura iringaniye izumvikanamo n'inkuba ndetse izaba irimo n'umuyaga uringaniye.

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ukwiyongera kw'imvura mu gice cya kabiri cy'Ugushyingo 2019 ( tariki 11-20), abahinzi barashishikarizwa kwegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye n'imirimo yabo y'ubuhinzi n'uko babungabunga ibihingwa. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080. .